The membership of the Justice Sector at the national level shall be composed of the following public organs:

Au niveau national, les organes étatiques qui composent le Secteur de la Justice sont les suivants:

1° Ubutegetsi bw'ubucamanza;

1° the Judiciary;

1° le Pouvoir Judiciaire;

2° Minisiteri y'Ubutabera;

2° the Ministry of Justice;

2° le Ministère de la Justice;

3° Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu;

3° the Ministry of Internal Security;

3° le Ministère de la Sécurité intérieure;

4° Polisi y'u Rwanda;

4° the Rwanda National Police;

4° la Police Nationale du Rwanda;

5° Ubushinjacyaha Bukuru;

5° the National Public Prosecution Authority;

5° l'Organe National de Poursuite Judiciaire;

6° Urwego rw'Umuvunyi;

6° the Office of the Ombudsman;

6° l'Office de l'Ombudsman;

7° Inkiko za gisirikare;

7° the Military courts;

7° les juridictions militaires;

8° Ubushinjacyaha bwa gisirikari

8° the Military Prosecution;

8° Auditorat militaire ;

9° Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira

9° the National Human Rights Commission;

9° la Commission Nationale des Droits de

bwa Muntu;

10° Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;

11° Urwego rw'Igihugu rushinzwe amagereza;

12° Ubunyamanga bwa Komite y'Igihugu y'imirimo nsimburagifungo ifitiye Igihugu akamaro;

13° Ishuri rikuru ryo kwigisha no guteza imbere amategeko.

10° the National Commission of Unity and Reconciliation;

11° National Prisons Service;

12° Executive Secretariat of the National Committee responsible for implementing community service as an alternative penalty to imprisonment;

13° the Institute of Legal Practice and Development.

la Personne;

10° la Commission Nationale pour l'Unité et la Réconciliation;

11° Le Service National des Prisons ;

12° Le Secrétariat Exécutif du Comité National de la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général ;

13° Institut de pratique et de développement du droit.

Mu gihe bibaye ngombwa, umubare w'inzego zivugwa mu gika cya mbere ushobora kugabanywa cyangwa kongerwa byemejwe n'Itsinda ry'Abayobozi.

The Leadership Group may decide on additional members or the withdrawal of members if deemed necessary.

En cas de besoin, le nombre d'organes visés au premier alinéa peut être réduit ou augmenté sur décision du Groupe de Leaders.

Ingingo ya 8: Inzego mfatanyabikorwa z'Urwego rw'Ubutabera

Article 8: Partner Organisations of the Justice Sector

Article 8: Organisations partenaires du Secteur de la Justice

Ku rwego rw'Igihugu, inzego mfatanyabikorwa z'Urwego rw'Ubutabera ni izi zikurikira:

- 1° Urugaga rw'Abavoka;
- 2° Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga;
- 3° Indi miryango yo mu gihugu n'imiryango mpuzamahanga itegamiye kuri Leta ikorana n'Urwego rw'Ubutabera.

The Justice Sector partner organisations at the national level shall be the following:

- 1° the Bar Association;
- 2° the Professional Bailiffs Body;
- 3° other local and international civil society organisations actively involved in the Justice Sector.

Au niveau national, les organisations partenaires du Secteur de la Justice sont les suivants:

- 1° le Barreau;
- 2° le Corps des huissiers de justice professionnels ;
- 3° Autres organisations locales et internationales de la société civile qui participent activement dans le Secteur de la Justice.

Ingingo ya 9: Inzego Mpuzabikorwa

Inzego Mpuzabikorwa z'Urwego rw'Ubutabera ni izi zikurikira:

- 1° Itsinda ry'abayobozi;
- 2° Komite mpuzabikorwa;
- 3° Itsinda ry'ibikorwa;
- 4° Amatsinda akorana hakurikijwe icyigwa;
- 5° Urwego rw'Ubutabera ku rwego rw'ibanze;
- 6° Ubunyamabanga mpuzabikorwa bw'Urwego.

UMUTWE WA IV: ABAGIZE INZEGO MPUZABIKORWA N'INSHINGANO ZAZO

Ingingo ya 10: Abagize Itsinda ry'Abayobozi

Itsinda ry'Abayobozi ry'Urwego rigizwe n'aba bakurikira:

- 1° Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta, uriyobora;
- 2° Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu;
- 3° Minisitiri w'Ingabo;

Article 9: Coordination Structures

The Justice Sector Coordination Structures shall be as follows:

- 1° the Leadership Group;
- 2° the Steering Committee;
- 3° the Sector Working Group;
- 4° thematic Working Groups;
- 5° the Justice Sector at the decentralised level;
- 6° the Justice Sector Coordination Secretariat.

CHAPTER IV: MEMBERSHIP AND RESPONSIBILITIES OF COORDINATION STRUCTURES

Article 10: Membership of the Leadership Group

The Justice Sector leadership group has the following membership:

- 1° the Minister of Justice/Attorney General, Chairperson;
- 2° the Minister of Internal Security;
- 3° the Minister of Defence;

Article 9: Organes de coordination

Les organes de coordination du Secteur de la Justice sont les suivants:

- 1° le Groupe de leaders;
- 2° le Comité Directeur;
- 3° le Groupe de travail sectoriel;
- 4° les Groupes de travail thématique;
- 5° le Secteur de la Justice au niveau décentralisé;
- 6° le Secrétariat de Coordination du Secteur de la Justice.

CHAPITRE IV: MEMBRES ET ATTRIBUTIONS DES ORGANES DE COORDINATION

Article 10: Membres du groupe de leaders

Les membres du groupe de leaders du Secteur de la Justice sont les suivants :

- 1° le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux, Président ;
- 2° le Ministre de la Sécurité Intérieure ;
- 3° le Ministre de la défense ;

Official Gazette n° 43 of 25/10/2010

4° Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;	4° the Vice President of the Supreme Court;	4° le Vice Président de la Cour Suprême ;
5° Umuvunyi Mukuru;	5° the Ombudsman;	5° l'Ombudsman ;
6° Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;	6° the President of the National Human Rights Commission;	6° le Président de la Commission Nationale des Droits de la Personne ;
7° Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;	7° the President of the National Unity and Reconciliation Commission;	7° le Président de la Commission Nationale pour l'Unité et la Réconciliation ;
8° Umushinjacyaha Mukuru;	8° the Prosecutor General;	8° le Procureur Général ;
9° Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubutabera.	9° the Permanent Secretary of the Ministry of Justice.	9° le Secrétaire Permanent au Ministère de la Justice.

Ingingo ya 11: Inshingano z'Itsinda ry'Abayobozi

Itsinda ry'Abayobozi rifite inshingano yo gutanga umurongo mugari wa politiki, Urwego rw'Ubutabera rugenderaho.

Article 11: Responsibility of the Leadership Group

The responsibility of the Leadership Group is to provide overall political and policy direction for the Justice Sector.

Article 11: Rôle du Groupe de leaders

Le Groupe de leaders a pour rôle de fixer la politique générale et l'orientation du Secteur de la Justice.

Ingingo ya 12: Inama z'Itsinda ry'Abayobozi

Inama y'Abayobozi iterana inshuro ebyiri mu mwaka. Iterana iyo nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abarigize bitabiriye inama.

Article 12: Meetings of the leadership group

The Leadership Group shall meet twice annually and its meeting shall be held upon attendance of at least two-third (2/3) of its members.

Article 12: Réunions du Groupe de leaders

Le groupe de leaders se réunit deux fois par an. Il ne se tient que lorsque deux-tiers (2/3) de ses membres sont présents.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubutabera ni we munyamabanga w'Itsinda ry'Abayobozi.

The Permanent Secretary of the Ministry of Justice is the secretary of the Leadership Group.

Le Secrétaire Permanent au Ministère de la Justice est le secrétaire du Groupe de Leaders.

Urwandiko rutumiza inama rwohererezwa abagize Itsinda ry'Abayobozi hasigaye nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko inama iterana.

Notice of a meeting shall be submitted in writing to the Leadership Group members at least seven (7) days before the meeting is held.

La lettre de convocation est transmise par écrit aux membres du Groupe de Leaders au moins sept (7) jours avant la tenue de la réunion.

Ariko, inama idasanzwe ihamagazwa mu

However, an extra ordinary meeting shall be

Cependant, une réunion extraordinaire peut être

nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) mbere y'uko inama iterana.

Imyanzuro y'inama ishyirwaho umukono n'abagize itsinda bitabiriye inama. Inyandikomvugo y'inama ishyirwaho umukono n'umuyobozi n'umunyamabanga baryo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye igihe inama yabereye.

Ingingo ya 13: Abagize Komite Mpuzabikorwa

Komite Mpuzabikorwa rigizwe n'Abanyamabanga Bahoraho, Abanyamabanga Bakuru n'abayobozi bakuru b'inzego zivugwa mu ngingo ya 7, batari mu Itsinda ry'Abayobozi.

Ingingo ya 14: Inshingano n'imikorere bya Komite Mpuzabikorwa

Komite mpuzabikorwa ifite inshingano zikurikira:

- 1° gushyira mu bikorwa gahunda y'Urwego;
- 2° kugena ingengo y'imari n'ibikorwa hakurikijwe uburemere bwabyo;
- 3° gutegura ingengo y'imari no kumenya ko ingengo y'imari y'inzego ihujwe kandi ikozwe hakurikijwe uburyo ibikorwa birutanwa uburemere, mu nzego zose zigize Urwego rw'Ubutabera.

convened in writing at least three (3) days before the meeting is held.

.Resolutions of the meetings shall be signed by its members present. Minutes of meetings shall be signed by the Chairperson and the Secretary within a period not exceeding seven (7) days from the date of the meeting.

Article 13: Membership of the Steering Committee

The Steering Committee is composed of Permanent Secretaries, Secretaries General and Senior officials of the institutions mentioned in Article 7 who are not members of the Leadership group.

Article 14: Responsibilities and functioning of the Steering committee

The Steering Committee has the following responsibilities:

- 1° implementing the Justice Sector strategy
- 2° determining sectoral budget and operational priorities.
- 3° playing a role in the sectoral budgeting process and also ensuring that institutional budgets are coordinated and prioritized across the sector.

convoquée par écrit au moins trois (3) jours avant la tenue de la réunion.

Les résolutions de la réunion sont signées par les membres présents. Les procès-verbaux de réunions sont signés par le Président et le Secrétaire dans un délai n'excédant pas sept (7) jours à compter de la date de la réunion.

Article 13: Membres du Comité Directeur

Le Comité Directeur est composé des Secrétaires Permanents, des Secrétaires Généraux et des hautes autorités des organes visées à l'article 7, ne faisant pas partie du Groupe de Leaders.

Article 14: Attributions et fonctionnement du Comité Directeur

Le Comité Directeur est chargé de :

- 1° assurer la mise en exécution de la stratégie du Secteur de la Justice ;
- 2° déterminer son budget sectoriel et ses priorités opérationnelles.
- 3° Jouer un rôle clé dans le processus d'élaboration du budget sectoriel et doit aussi s'assurer que les budgets des institutions sont coordonnés et exécutés par ordre de priorité dans le secteur.

Komite Mpuzabikorwa iyoborwa n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubutabera, igihe adahari iyoborwa n'umwe mu banyamabanga bahoraho cyangwa umwe mu banyamabanga Bakuru b'Inzego zigize Urwego rw'Ubutabera.

Komite mpuzabikorwa iterana rimwe mu gihembwe.

Ingingo ya 15: Abagize itsinda ry'ibikorwa

Itsinda ry'ibikorwa ry'Urwego rw'Ubutabera rigizwe n'abagize Komite Mpuzabikorwa, abahagarariye Urugaga rw'Abavoka, abahagarariye abahabwa serivisi n'Urwego, n'abafatanyabikorwa mu iterambere.

Abafatanyabikorwa n'Urwego rw'Ubutabera bo mu gihugu cyangwa ku rwego mpuzamahanga batumirwa mu itsinda ry'ibikorwa hakurikijwe amasezerano ari hagati y'abayashyizeho umukono.

Ingingo ya 16: Inshingano z'itsinda ry'ibikorwa

Inshingano z'itsinda ry'ibikorwa ni ugutunganya imikorere y'Urwego rw'Ubutabera no guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa na gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda.

The Steering Committee is chaired by the Permanent Secretary of the Ministry of Justice and if absent it shall be chaired by one of the other Permanent Secretaries or one of Secretaries General of the Justice Sector Institutions.

The Steering Committee shall meet quarterly.

Article 15: Membership of the Sector Working Group

The Justice Sector Working Group is composed of members of the Steering Committee, representatives of the Bar Association, representatives of Justice Sector users and Development Partners.

International and national non-state actors shall be invited to join the Justice Sector working group by mutual agreement between the parties to the memorandum of understanding (Justice Sector MoU).

Article 16: Mission of the Sector Working Group

The mission of the Sector Working Group is to improve the effectiveness and efficiency of the Justice Sector and to align development partners to the Government of Rwanda's strategy.

Le Comité Directeur est présidé par le Secrétaire Permanent au Ministère de la Justice, en cas de son absence, par l'un des autres Secrétaires Permanents ou l'un des Secrétaires Généraux des institutions du Secteur de la Justice.

Les réunions du Comité Directeur sont trimestrielles.

Article 15: Membres du Groupe de Travail

Le Groupe de Travail du Secteur de la Justice est composé des membres du Comité Directeur, des représentants du Barreau, des représentants des destinataires des services du Secteur et des partenaires au développement.

Les acteurs nationaux et internationaux non-étatiques sont invités au Groupe de Travail en vertu d'un accord bilatéral entre les parties au protocole d'accords.

Article 16: Mission du Groupe de Travail du Secteur

La mission du groupe de travail du secteur est d'améliorer l'efficacité du Secteur de la Justice et d'aligner les partenaires au développement à la stratégie du Gouvernement Rwandais.

Ingingo ya 17: Inama z'itsinda ry'ibikorwa

Itsinda ry'ibikorwa riterana rimwe mu mezi abiri n'igihe cyose bibaye ngombwa. Riyoborwa n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubutabera, yunganiwe n'uhagarariye abafatanyabikorwa mu iterambere.

Ingingo ya 18: Abagize amatsinda ahuriye ku gikorwa

Amatsinda y'Urwego rw'Ubutabera ahuriye ku gikorwa agizwe n'impuguke zituruka mu nzego zigize Urwego rw'ubutabera, n'abahagarariye imiryango itegamiye kuri Leta, abikorera n'abafatanyabikorwa mu iterambere.

Amatsinda y'Urwego rw'Ubutabera ahuriye ku gikorwa ashyizweho ku buryo bukurikira:

- 1° **Itsinda rya mbere:** kugena umutungo n'ibyakoreshejwe;
- 2° **Itsinda rya 2:** igenamigambi, igenzura n'isuzuma;
- 3° **Itsinda rya 3:** amakuru, itumanaho n'ikorabuhanga;
- 4° **Itsinda rya 4:** kugera ku butabera
- 5° **Itsinda rya 5:** Ubwiyunge, amategeko n'umutekano w'igihugu.

Article 17: Meetings of the Sector Working Group

The Justice Sector Working group shall convene once every two months and at any other time deemed necessary and shall be chaired by the Permanent Secretary of the Ministry of Justice and co-chaired by a representative of Development Partners.

Article 18: Membership of Thematic Working Groups

The Justice Sector Thematic Working Groups are composed of technicians from the Justice Sector institutions and representatives of Civil society organisations, the private sector and development partners.

The Justice Sector Thematic Working Groups shall be established as follows:

- 1° **Thematic Working Group 1:** Resource Allocation and Expenditures;
- 2° **Thematic Working Group 2:** Planning, Monitoring and Evaluation;
- 3° **Thematic Working Group 3:** Information, Communication and Technology;
- 4° **Thematic Working Group 4 :** Access to Justice;
- 5° **Thematic Working Groups 5:** Reconciliation, Law and public security.

Article 17: Réunions du Groupe de Travail

Le groupe de travail se réunit une fois tous les deux mois et chaque fois que de besoin. Il est présidé par le Secrétaire Permanent au Ministère de la Justice assisté par un représentant des partenaires au développement.

Article 18: Membres des groupes de travail thématiques

Les groupes de travail thématiques du Secteur de la Justice sont composés des techniciens émanant des institutions du Secteur et des représentants des organisations de la société civile, du secteur privé et des partenaires au développement.

Les groupes de travail thématique du Secteur de la Justice sont créés comme suit:

- 1° **Groupe de Travail Thématique 1:** allocation des ressources et dépenses ;
- 2° **Groupe de Travail Thématique 2** planification, suivi et évaluation ;
- 3° **Groupe de Travail Thématique 3:** Information, Communication et Technologie ;
- 4° **Groupe de Travail Thématique 4:** accès à la Justice ;
- 5° **Groupe de Travail Thématique 5:** réconciliation, Droit et sécurité publique.

Ingingo ya 19: Inshingano z'itsinda rihuriye ku gikorwa

Inshingano z'amatsinda y'Urwego rw'Ubutabera ahuriye ku gikorwa ni ugushyira mu bikorwa gahunda y'Urwego rw'Ubutabera, hahuzwa igenamigambi ry'inzeho ziyigize n'ingingo y'imari yazo n'iyo Gahunda.

Ingingo ya 20: Inama z'amatsinda ahuriye ku gikorwa

Amatsinda y'Urwego rw'Ubutabera ahuriye ku gikorwa aterana inshuro imwe mu kwezi. Amatsinda ahuriye ku gikorwa afite uburenganzira bwo kwihuza cyangwa gutandukana igihe abayagize babona ko ari ngombwa mu rwego rwo kubafasha kugera ku ntego yabo. icyemezo cya nyuma cyerekeranye n'umubare w'abagize itsinda rihuriye ku gikorwa, ibyo itsinda ryigaho gifatwa n'itsinda ry'ibikorwa ry'Urwego.

Buri tsinda rihuriye ku gikorwa riyoborwa n'uwatowe n'abagize iryo tsinda.

Buri tsinda rigira kandi umuyobozi uhagarariye Abafatanyabikorwa mu majyambere.

Abagize itsinda bafite inshingano zo kugena manda y'umuyobozi waryo.

Article 19: Mission of the Thematic Working Groups

The mission of the Justice Sector Thematic Working Groups is to ensure the delivery of Justice Sector strategy outputs while aligning the institutional plans and budgets with the Strategy.

Article 20: Meetings of the Thematic Working Groups

Thematic Working Groups of the Justice Sector shall meet once a month. Thematic Working Groups have the right to merge or to separate, as the members deem necessary. The final decision on the number of members and themes of the Thematic Working Group lies with the Joint Sector Working Group.

Each Thematic Working Group is chaired by an internally elected group member.

Each Thematic Working Group is co-chaired by a representative from the development partners.

Group members have the responsibility to determine the duration of the mandate of their chairperson.

Article 19: Mission du Groupe de Travail Thématique

La mission du groupe de travail thématique du Secteur de la Justice est d'assurer le rendement de la stratégie du Secteur de la Justice en conformant les plans institutionnels et les budgets à la Stratégie.

Article 20: Réunions du Groupe de Travail Thématique

Les groupes de travail thématique du Secteur de la Justice se réunissent une fois par mois. Ils ont le droit de fusionner ou se scinder lorsque les membres le jugent nécessaire pour leur bon fonctionnement. La décision finale concernant le nombre de ses membres et les thèmes du groupe de travail thématique est prise par les groupes de travail thématique du Secteur réunis.

Chaque groupe thématique est présidé par un membre élu par les membres du groupe.

Chaque groupe de travail thématique est co-présidé par un représentant de partenaires au développement.

Les membres du groupe ont la responsabilité de déterminer la période du mandat de leur président.

Ingingo ya 21: Ububasha bwa Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze

Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze afite ububasha bwo kwegereza abaturage inzego z'Urwego rw'Ubutabera no gushyiraho amabwiriza agenga imikorere yazo.

UMUTWE WA V: UBUNYAMABANGA MPUZABIKORWA BW'URWEGO RW'UBUTABERA

Ingingo ya 22: Ubunyamabanga Mpuzabikorwa bw'Urwego

Hashyizweho Ubunyamabanga Mpuzabikorwa bw'Urwego rw'Ubutabera rugengwa n'ubuyobozi bwa Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo. Ubunyamabanga Mpuzabikorwa bw'Urwego rw'ubutabera butanga raporo ku mucungamari ushinze ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Urwego rw'Ubutabera.

Ingingo ya 23: Inshingano z'Ubunyamabanga Mpuzabikorwa bw'Urwego rw'Ubutabera

Ubunyamabanga Mpuzabikorwa bw'Urwego rw'Ubutabera bushinze gutanga inkunga ya ngombwa muri gahunda z'Urwego rw'Ubutabera, igenamigambi, gutegura ingengo y'imari no gushyira mu bikorwa gahunda y'Urwego umunsi ku munsi.

By'umwihariko, Ubunyamabanga Mpuzabikorwa

Article 21: Powers of the Minister in charge of Justice

The Minister in charge of justice has the power to decentralize the Justice Sector structures and edict instructions regulating their functioning.

CHAPTER V : JUSTICE SECTOR COORDINATION SECRETARIAT

Article 22: Justice Sector Coordination Secretariat

The Justice Sector Coordination Secretariat is established and placed under the administrative authority of the Ministry in charge of justice. The Justice Sector secretariat shall report directly to the Accounting Officer responsible for the implementation of the Justice Sector Strategy.

Article 23: Attributions of the Justice Sector Coordination Secretariat

The Justice Sector Coordination Secretariat is responsible for providing the essential backstopping of sectoral policy, planning, budgeting and the operationalisation of the strategy on a day to day basis.

More specifically the Justice Sector Coordination

Article 21: Pouvoir du Ministre ayant la Justice dans ses attributions

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions est investi des pouvoirs de décentraliser les organes du Secteur de la Justice et d'édicter les instructions portant règlement de leur fonctionnement.

CHAPITRE V: SECRETARIAT DE COORDINATION DU SECTEUR DE LA JUSTICE

Article 22: Secrétariat de Coordination du Secteur de la Justice

Il est créé un Secrétariat de Coordination du Secteur de la justice qui est placé sous l'autorité administrative du Ministère ayant la justice dans ses attributions. Les rapports du Secrétariat du Secteur de la Justice sont transmis directement à l'agent comptable chargé de la mise en œuvre de la Stratégie du Secteur de la Justice.

Article 23: Attributions du Secrétariat de Coordination du Secteur de la Justice

Le Secrétariat de Coordination du Secteur de la Justice est chargé d'apporter quotidiennement le soutien essentiel en rapport avec la politique sectorielle, la planification, la budgétisation et la mise en œuvre de la stratégie du Secteur.

Plus spécifiquement, le Secrétariat de

Official Gazette n° 43 of 25/10/2010

bushinzwe:

- 1° guhuza uburyo bwo gushyira mu bikorwa no gukora igenzura n'isuzuma rya Gahunda y'Urwego rw'Ubutabera na gahunda y'ibikorwa by'umwaka;
- 2° guhuza ku buryo busobanutse neza kandi bunoze inyandiko zikubiyemo ingamba z'ibikorwa by'inzego no guhuza imikoreshereze y'ingengo y'imari mu gihe giciriritse, gahunda y'Igihugu y'imaturabukungu no kurwanya ubukene n'ibigomba kugerwaho n'Urwego rw'Ubutabera, hakurikijwe uko bisumbana mu gaciro;
- 3° gusuzuma no gushimangira igenamigambi ry'inzego no gukora ingengo y'imari biciye mu ngengo y'imari ya Guverinoma y'u Rwanda, bigakorwa mbere y'uko buri rwego rwohereza gahunda n'ingengo y'imari zarwo muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi;
- 4° guteza imbere imikorere myiza mu rwego rw'Ubutabera;
- 5° gutanga umurongo mugari ngenderwaho mu gukora gahunda z'inzego, kuzishyira mu bikorwa no kuzikorera isuzuma;
- 6° gushyiraho ibikoresho n'uburyo butuma imikorere myiza ishobora kugerwaho ndetse no gukurikirana imikoreshereze yabyo;

Secretariat shall be responsible for:

- 1° coordinating the implementation, monitoring and evaluation of the Sector Strategy and annual work plan;
- 2° establishing clear and logical links between the institutional strategic issues papers, the Medium Term Expenditure Frameworks with the Economic Development and Poverty Reduction Strategy and the Justice Sector priorities.
- 3° reviewing and consolidating institutional planning and budgeting throughout the budget year of the Government of Rwanda, preliminary to the individual submission of plans and budgets to the Minister of Finance and Economic Planning;
- 4° promoting best practices across the Sector;
- 5° providing overall guidance in the development, implementation and evaluation of institutional plans;
- 6° developing quality assurance tools and systems and monitor their use;

Coordination du Secteur de la Justice est chargé de:

- 1° coordonner la mise en œuvre et le suivi et l'évaluation de la Stratégie du Secteur et le plan d'action annuel;
- 2° établir un lien clair et logique entre les documents stratégiques institutionnels, le Cadre de Dépenses à Moyen Terme avec la Stratégie Nationale pour le Développement Economique et la Réduction de la Pauvreté et les priorités du Secteur de la Justice;
- 3° examiner et consolider la planification et la budgétisation institutionnelle à travers le processus budgétaire du Gouvernement Rwandais, avant la transmission de projets et budgets au Ministère des Finances et de la Planification Economique;
- 4° promouvoir les bonnes pratiques dans le secteur;
- 5° donner une orientation générale dans le développement, exécution et évaluation de projets institutionnels;
- 6° développer les outils et systèmes assurant la qualité et faire le suivi de leur utilisation;

Official Gazette n° 43 of 25/10/2010

- | | | |
|--|--|--|
| 7° gutanga inkunga ya tekini mu gusuzuma politiki na gahunda by'Urwego; | 7° providing technical assistance in analysing sector policies and plans; | 7° donner une assistance technique dans l'analyse de politiques et plans sectoriels; |
| 8° gutegura inama z'Urwego rw'Ubutabera, harimo no gutegura ingingo zo ku murongo w'ibiyigwa, gufata imyanzuro y'inama no kwandika raporo; | 8° organising meetings of the Justice Sector, including agenda, minutes and reports; | 8° organiser les réunions du Secteur de la Justice y compris l'ordre du jour, la rédaction des procès-verbaux et des rapports ; |
| 9° gufasha Urwego mu byerekeranye no gusuzuma isohoka ry'umutungo wa Leta no gushyiraho ingamba z'ibikorwa mu rwego rw'ingengo y'imari; | 9° assisting the Sector in public expenditure review and development of sector budgetary strategies; | 9° assister le secteur dans l'examen des dépenses publiques et le développement des stratégies budgétaires; |
| 10° gutegura inyandiko igaragaza imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Urwego mu gihe giciriritse, ingamba z'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari byarwo; | 10° developing the Sector Medium Term Expenditure Framework, strategies and budget proposals; | 10° élaborer le cadre des dépenses à moyen terme du Secteur, ses stratégies et ses propositions budgétaires; |
| 11° gukora raporo ku mikorere y'Urwego; | 11° writing reports on sectoral performance; | 11° produire des rapports sur la performance sectorielle; |
| 12° gushyiraho no gushyira mu bikorwa uburyo bw'igenzura n'isuzuma ry'Urwego; | 12° designing and implementing the Monitoring and Evaluation Framework for the Sector; | 12° concevoir et mettre en œuvre le cadre de suivi et évaluation du Secteur; |
| 13° gufasha mu kugera ku igenamigambi no gutegura ingengo y'imari bigamije umusaruro; | 13° assisting in moving towards results-based planning and budgeting; | 13° assister dans la réalisation de projets et budgets axés sur les résultats; |
| 14° gusuzuma ububiko bw'amakuru mu rwego rw'ubutabera, kwerekana uburyo kubika no gukoresha amakuru yakusanyijwe byakorwa neza kandi bigahuzwa; | 14° analysing existing data collection procedures in the Sector, proposing improvements and harmonisation of data collection and the processing of data; | 14° analyser la méthode existante de collecte des données dans le Secteur, proposer l'amélioration et l'harmonisation de la collecte et le traitement des données; |

Official Gazette n° 43 of 25/10/2010

15° gutegura no gushyigikira isuzuma rihuza inzego riba buri mwaka;

16° gushyira mu bikorwa gahunda y'ikoranabuhanga ihuza inzego no gukora agatabo gakubiyemo iby'ikoranabuhanga;

17° gutegura no kumurika raporo y'umwaka ku bikorwa by'Urwego rw'Ubutabera.

15° organizing and supporting annual Joint Justice Sector Reviews;

16° implementing the developing cross-sectoral ICT strategy and developing an ICT manual;

17° Preparing and presenting the annual report on the progress of the Justice Sector.

15° organiser et soutenir les évaluations annuelles communes du Secteur de la Justice;

16° mettre en œuvre la stratégie émergente inter- sectorielle de l'ICT et développer un manuel sur l'ICT;

17° préparer et présenter le rapport annuel sur les réalisations du Secteur de la Justice.

Ingingo ya 24: Imbonerahamwe y'imirimo y'ubunyamabanga mpuzabikorwa by'Urwego rw'Ubutabera

Imirimo mu buryo burambuye ikorerwa mu Bunyamabanga Mpuzabikorwa by'Urwego rw'Ubutabera iteganywa mu rutonde rw'imirimo rutegurwa na Minisitiri ufite abakozi b aleta mu nshingano ze afatanyije na Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta.

Ingingo ya 25: Umutungo w'Ubunyamabanga Mpuzabikorwa

Umutungo w'Ubunyamabanga Mpuzabikorwa bw'Urwego rw'Ubutabera ugizwe:

- 1° ingengo y'imari ya Leta;
- 2° impano;
- 3° inkunga z'abaterankunga kandi zigomba kuba ziri mu ngengo y'imari y'umwaka ya Minisitiri y'Ubutabera.

Article 24: Job description of the Justice Sector Coordination Secretariat

The full job descriptions for the Staff in the Justice Sector Coordination Secretariat shall be prepared by the Minister having Public Service in his/her mandate in collaboration with the Minister of Justice/Attorney General.

Article 25: Property of the Coordination Secretariat

The property of the Justice Sector Coordination Secretariat shall be comprised of:

- 1° State budget allocations;
- 2° donations;
- 3° donor subsidies which shall be an integral part of the annual budget of the Ministry of Justice.

Article 24: Cadre organique du Secrétariat de Coordination du Secteur de la Justice

La description détaillée des tâches au sein du Secrétariat de Coordination du Secteur de la Justice est présentée dans un cadre organique élaboré par le Ministre ayant la Fonction Publique dans ses attributions en collaboration avec le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux.

Article 25: Patrimoine du Secrétariat de Coordination

Le patrimoine du Secrétariat de Coordination du Secteur de la Justice comprend:

- 1° les dotations budgétaires de l'Etat;
- 2° les dons;
- 3° les subventions des donateurs qui font partie intégrante du budget annuel du Ministère de la Justice.

Ingingo ya 26: Abakozi b'Ubunyamabanga Mpuzabikorwa bw'Urwego rw'Ubutabera

Abakozi b'Ubunyamabanga Mpuzabikorwa bw'Urwego rw'Ubutabera ni aba bakurikira:

- 1° Umuhuzabikorwa;
- 2° Umuyobozi umwe;
- 3° Umunyamabanga umwe;
- 4° impuguke mu ikoranabuhanga imwe;
- 5° impuguke mu igenamigambi imwe
- 6° impuguke mu micungire y'umutungo wa Leta imwe;
- 7° impuguke mu isuzuma n'igenzura imwe;
- 8° impuguke mu itumanaho imwe.

Ibigenyerwa abakozi bo mu bunyamabanga mpuzabikorwa bigenwa n'amategeko agenga abakozi ba Leta.

Mu rwego rwo gutanga inkunga ya tekini, Minisiteri y'Ubutabera, ifatanyije na Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, ifite uburenganzira bwo guha akazi inzobere zo mu gihugu cyangwa zo mu mahanga, bagafasha abakozi basanzweho cyangwa bagashyirwa mu myanya isanzweho.

Ingingo ya 27: Imikoranire hagati y'Ubunyamabanga Mpuzabikorwa bw'Urwego rw'Ubutabera n'izindi nzego zigize Urwego rw'Ubutabera

Ubunyamabanga Mpuzabikorwa bukora ku buryo bwigenga nta kuvangirwa uko ariko kose biturutse

Article 26: Staff of the Justice Sector Coordination Secretariat

The staff of the Justice Sector Coordination Secretariat shall be comprised of :

- 1° a Coordinator;
- 2° one Administrator;
- 3° one Secretary;
- 4° one ICT Specialist;
- 5° one Planning Specialist;
- 6° one Public Finance Management Specialist;
- 7° one monitoring and evaluation Specialist;
- 8° one Communication Specialist.

Benefits entitled to the personnel of the Secretariat shall be determined in accordance with the legal provisions applicable to public servants.

The Ministry of Justice, in collaboration with the Ministry of Public Service and Labour, shall have the right to recruit national and international consultants as Technical Assistants to accompany existing staff or to fill in existing positions.

Article 27: Relationship between the Justice Sector Coordination Secretariat and the other Justice Sector Institutions

The Coordination Secretariat shall operate independently and without any undue influence

Article 26: Personnel du Secrétariat de Coordination du Secteur de la Justice

Le personnel du Secrétariat de Coordination du Secteur de la Justice comprend :

- 1° un coordinateur ;
- 2° un administrateur ;
- 3° un secrétaire ;
- 4° un spécialiste en ICT ;
- 5° un spécialiste en planification ;
- 6° un spécialiste en gestion des finances publiques ;
- 7° un spécialiste en suivi et évaluation ;
- 8° un spécialiste en communication.

Les avantages alloués au personnel du secrétariat sont déterminés en vertu des dispositions légales applicables aux agents de l'Etat.

Le Ministère de la Justice, en collaboration avec le Ministère de la fonction publique, se réserve le droit de recruter les consultants nationaux ou internationaux dans le cadre de l'Assistance technique en vue d'appuyer le personnel en place ou remplir les postes existants.

Article 27: Rapports entre le Secrétariat de Coordination du Secteur de la Justice et les autres institutions du Secteur

Le Secrétariat de Coordination effectue ses opérations de façon indépendante sans aucune

ku rwego urwo arirwo rwose rugize Urwego rw'Ubutabera.

Ingingo ya 28: Amategeko ngengamikorere

Hatabangamiwe iri teka, Urwego rw'Ubutabera rushobora gushyiraho amategeko ngengamikorere yarwo.

Ubunyamabanga Mpuzabikorwa bw'Urwego rw'Ubutabera bugomba kubahiriza ibivugwa mu gika cya mbere.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 29: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe kubahiriza iri teka.

Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka zibanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

from any Justice Sector Institution.

Article 28: Internal Rules and Regulations

Without prejudice to this Order, the Justice Sector may put in place its own internal rules and regulations.

The Justice Sector Coordination Secretariat shall ensure compliance with the provision in the above paragraph.

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 29: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of Justice/Attorney General, the Minister of Public Service and Labour, the Minister of Local Government and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Article 30: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

influence émanant d'une institution du Secteur de la Justice.

Article 28: Règlement d'ordre intérieur

Sans préjudice du présent arrêté, le Secteur de la Justice peut mettre en place son règlement d'ordre intérieur.

Le Secrétariat de Coordination du Secteur de la Justice assure l'exécution des dispositions de l'alinéa précédent.

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Article 29: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre de la Justice / Garde des Sceaux, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de l'Administration Locale et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 30: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 31: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 13//10/2010

(sé)

MAKUZA Bernard
Minisitiri w'Intebe

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

Article 31: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 13/10/2010

(sé)

MAKUZA Bernard
Prime Minister

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice / Attorney General

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Article 31: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 13/10/2010

(sé)

MAKUZA Bernard
Premier Ministre

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

IKIGUZI CY'IGAZETI YA LETA YA REPUBLICA Y'U RWANDA N'ICY'INYANDIKO ZIYITANGARIZWAMO

SUBSCRIPTION AND ADVERTISING RATES

TARIF DES ABONNEMENTS ET DES INSERTIONS

Hakurikijwe Iteka rya Perezida n° 62/01 ryo kuwa 05/12/2008 n'Iteka rya Minisitiri n° 01/03.04 ryo kuwa 01/01/2009 ashiraho ikiguzi cy'Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda n'icy'inwandiko ziyitangarizwamo ;

By Presidential Order n°62/01 of 05/12/2008 and Ministerial Order n° 01/03.04 of 01/01/2009 concerning subscription and advertising rates for the Official Gazette of the Republic of Rwanda;

Référence faite à l'Arrêté Présidentiel n°62/01 du 05/12/2008 et à l'Arrêté Ministériel n° 01/03.04 du 01/01/2009 portant fixation du tarif des abonnements et d'insertions au Journal Officiel de la République du Rwanda ;

Ikiguzi cy'Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda n'icy'inwandiko ziyitangarizwamo gishyizweho ku buryo bukurikira :

The Subscription and advertising rates for the Official Gazette of the Republic of Rwanda shall be fixed as follows:

Le tarif des abonnements et insertions au Journal Officiel de la République du Rwanda est fixé comme suit :

A. Ikiguzi cy'umwaka wose:

A. Annual subscription:

A. Abonnement annuel :

-Mu Rwanda	50 000 Frs
-Mu bihugu bidukikije	60 000 Frs
-Mu bindi bihugu by'Afurika	61 000 Frs
-Mu Burayi	65 000 Frs
-Muri Amerika na Aziya	68 000 Frs
-Muri Oseyaniya	72 000 Frs

- Rwanda	50, 000 Frw
- Bordering Countries	60, 000 Frw
- Other Countries in Africa	61, 000 Frw
- European Countries	65, 000 Frw
- American and Asian Countries	68, 000 Frw
- Oceania	72, 000 Frw

-Rwanda	50 000 Frw
-Pays limitrophes	60 000 Frw
-Autres pays d'Afrique	61 000 Frw
-Europe	65 000 Frw
-Amérique et Asie	68 000 Frw
-Océanie	72 000 Frw

B. Ikiguzi cya buri numero: 1000 FRW

B. Retail price per copy : 1000 FRW

B. Prix de détail au numéro : 1000 FRW

C. Ikiguzi cy'inwandiko ziyitangarizwamo

C. Advertising rates:

C. Prix des insertions :

Amafaranga ibihumbi cumi na bine (14.000 Frw) kuri buri rupapuro rwandikishije imashini cyangwa orudineri.

Fourteen Thousand (14,000) Rwandan Francs per page typed, whether by computer or typewriter.

Quatorze mille (14 000) Francs chaque page de texte dactylographié ou écrit à l'ordinateur.

Ku nyandiko ituzuye urupapuro rumwe, hakoreshwa uburyo bwo kubara imirongo: umurongo umwe ni amafaranga y'u Rwanda magana atanu na

For inserts of less than one page, the price shall be five hundred twenty five (525) Rwanda Francs for one line.

Pour l'insertion d'un texte de moins d'une page, le prix est de cinq cent vingt-cinq (525) francs rwandais par ligne.

makumyabiri n'atanu (525).

Igihe Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda isohokera

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda isohokera buri wa mbere w'icyumweru.

Ifatabuguzi

Amafaranga y'ifatabuguzi ry'umwaka wose, ayo kugura inomeru imwe n'ayo kwandikishamo inyandiko arihirwa mu Kigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro (RRA); uwishyuye yerekana urupapuro yishyuriyeho kugira ngo serivisi ishinzwe Igazeti ya Leta imukorere icyo yishyuriye.

Ifatabuguzi ry'umwaka wose rirangirana n'umwaka wishyuriwe kandi kwishyura bigakorwa mbere y'ukwezi kwa Mutarama k'umwaka ufatirwa ifatabuguzi.

Abishyura batinze barakirwa bagahabwa numero zasohotse batarafata ubuguzi, iyo zihari, zaba zarashize ntibagire icyo babaza.

Issue periodicity of the Official Gazette

The Official Gazette shall be issued every Monday.

Subscription

All sums due for paying the annual subscription fees for one issue and advertisement shall be paid to Rwanda Revenue Authority (RRA); and the payer shall present the receipt to the Official Gazette Service which shall render him/her the service paid for.

The annual subscription shall end with the year of payment and payment for the new annual subscription shall be made before the month of January of the year of subscription.

Late subscription payers shall be given all issues published before, where there are any left, or else no claim shall be made.

Périodicité de parution du Journal Officiel

Le Journal Officiel de la République du Rwanda paraît chaque lundi de la semaine.

Abonnement

Les sommes dues pour les abonnements annuels, les numéros séparés, ou pour les insertions sont à verser à l'Office Rwandais des Recettes ; la personne qui effectue le paiement doit présenter le bordereau de paiement au Service du Journal Officiel qui lui rend le service demandé.

L'abonnement annuel expire à la fin de l'année pour laquelle il a été payé et le paiement pour tout nouvel abonnement se fait avant le mois de janvier de l'année d'abonnement.

Les abonnés retardataires recevront également les numéros déjà parus s'il en reste, si non, ils ne pourront rien réclamer.

Website: www.primature.gov.rw